REPUBULIKA Y'U RWANDA

COURT: TGI GICUMBI

REPUBLIQUE DU RWANDA

Au nom du Peuple Rwandais

## ICYEMEZO GITEGEKA USHINJWA WATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO

Umwaka wa **2022,** Umunsi wa **14** w'ukwezi kwa **WERURWE**,

Twebwe, **HARERIMANA Jean Paul** , umucamanza mu rukiko rwisumbuye rwa Gicumbi , dufashijwe na **RWAMAKUBA Jean de Dieu**, Umwanditsi muri urwo rukiko;

**Tumaze** kubona ko Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye rwa Gicumbi bwaregeye uru rukiko uwitwa **MANIRAGABA Charles** icyaha cyo gukubita cyangwa gukomeretsa ku bushake, icyaha giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 121 y'itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange.ikirego kikandikwa kuri nimero RP 00533/2021/TGI/GIC.

**Tumaze** kubona ko MANIRAGABA Charles mwene RUSINGIZANDEKWE Charles na UWAMARIYA Bonifride, wavutse 1998, utuye mu Rwanda, intara y' amajyaruguru, akarere ka Rulindo, umurenge wa Rusiga, akagari ka Kirenge, umudugudu wa Kigarama, ubu akurikiranywe n'ubushinjacyaha nk'uwatorotse ubutabera.

**Dushingiye** ku ngingo ya 160,161 n'162 y'itegeko N° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha.

**Dutegetse** ko **MANIRAGABA Charles** agomba kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Gicumbi ku itariki ya **14/04/2022 saa mbiri za mugitondo**, aho urukiko rwisumbuye rwa Gicumbi ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha, atakwitaba bigafatwa ko yasuzuguye amategeko akaburanishwa adahari.

URUKIKO RWISUMBUYE RWA GICUMBI

**Dutegetse** ko iki cyemezo kimanikwa ahagenewe amatangazo ku cyicaro cy'Urukiko Rwisumbuye rwa Gicumbi, kikanatangwa ku rubuga rw'ikoranabuhanga rw' urukiko rw'ikirenga mu gihe kingana n'iminsi umunani (8).

**NI UKO BYEMEJWE KANDI BITEGETSWE BITYO KU MUNSI, UKWEZI N' UMWAKA BYAVUZWE HARUGURU.**

**HARERIMANA Jean Paul**
**UMUCAMANZA**

**RWAMAKUBA Jean de Dieu**
**UMWANDITSI**